# UBUTUMWA MINISITIRI W'INTEBE YAGEJEJE KU BANYARWANDA KU BYERECYEYE INTAMBARA.

( KIGALI KU WA 14 GASHYANTARE 1993).

Entrée le 17/2/93
N° Indic. 1041
A traiter par
Service
Classement

Banyarwanda,

Banyarwandakazi,

1. Nyuma y'amezi atandatu imirwano ihagaze, kuva ku cyumweru tariki ya Karindwi Gashyantare ingabo za FPR-INKOTANYI zaciye ku masezerano yo guhagarika imirwano yashyiriweho umukono ARUSHA muri Nyakanga 1992.

Ayo masezerano zayaciyeho zigaba ibitero bikaze muri Perefegitura ya RUHENGERI n'iya BYUMBA.

2. Guverinoma y'u Rwanda ikimara kumenya ko imirwano yubuye yahereye ko iterana ku wa Mbere tariki ya Munani Gashyantare 1993 isuzuma icyo kibazo ifata n'imyanzuro iboneye igamije guhagarika iyo mirwano.

Iyo myanzuro ni iyi:

i. Guverinoma ibabajwe cyane n'uko FPR-INKOTANYI yaciye ku masezerano yo guhagarika imirwano bagiranye ARUSHA muri TANZANIYA ku itariki ya 12 Nyakanga 1992, igafata icyemezo cyo kubura iyo mirwano mu turere twose tw'intambara kuva mu RUHENGERI ukagera mu MUTARA.

ii. Guverinoma y'u Rwanda irasaba ikomeje FPR guhagarika imirwano igakomeza imishyikirano ibera ARUSHA kugira ngo ibibazo bya politiki byashoje iyi ntambara bikemurwe mu kuri maze u Rwanda rugere ku mahoro ahamye.

iii. Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje gutanga ibisubizo biboneye ku bibazo bya politiki FPR yari yagejeje ku ntumwa z'u Rwanda zari ARUSHA bityo impamvu zatumye imirwano yubura zikaba zaravuyeho.

iv. Guverinoma y'u Rwanda yasabye Ibihugu by'inshuti n'Imiryango mpuzamahanga kuyifasha kumvisha FPR-INKOTANYI ko gukomeza imirwano ntacyo bimariye Abanyarwanda kandi atari yo nzira iboneye yo gukemura ibibazo dufite. Yasabye kandi gutera inkunga abavanywe mu byabo n'intambara bangara hirya no hino mu gihugu batagira kuvurira.

.../...

v. Guverinoma y'u Rwanda yashimiye Ingabo z'Igihugu ko zitwaye neza zigakomera ku birindiro byazo kandi zigatsimbura INKOTANYI mu mujyi wa RUHENGERI no muri Centre ya NGARAMA.

3. N'ubwo ingabo z'INKOTANYI zavuye mu mujyi wa RUHENGERI no kuri Su-Perefegitura ya NGARAMA, imirwano iracyakomeza.

Nyamara uhagarariye FPR-INKOTANYI i WASHINGTON muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika kimwe n'Umuvugizi wa FPR- mu bihugu by'i Burayi bari batangaje ku wa Gatatu tariki ya 10 ko biyemeje guhagarika imirwano. Ikibabaje ni uko kugeza ubu ibyo bitari byubahirizwa kandi hakaba hamaze gupfa abantu benshi n'umubare w'abakuwe mu byabo n'intambara ukaba umaze gukuba kabiri uwari usanzwe ho.

Ndasaba nkomeje FPR kubahiriza icyemezo yafashe ubwayo cyo guhagarika imirwano ikagaragaza ko ishyigikiye imishyikirano y'amahoro ibera ARUSHA ishyira mu bikorwa ibyemezo byafatiwe muri iyo mishyikirano.

Ndibutsa FPR ko Abanyarwanda biyemeje kubana mu mahoro no kubahiriza ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi. Nta na rimwe bazemera ubutegetsi bw'igitugu cyangwa ubutegetsi bushingiye ku mbunda.

4. N'ubwo imirwano igikomeza Guverinoma y'u Rwanda iributsa ko idashobora gutezuka ku ntego yayo yo kubahiriza amahame n'amatwara ya demokarasi mu Gihugu.

Ni yo mpamvu Guverinoma yiyemeje kuvugurura inzego z'Ubutegetsi bwa Leta kugira ngo imikorere yazo ijyane n'amahame n'umuco wa demokarasi.

Muri urwo rwego abategetsi bose badafite ikizere cy'abaturage, abahohotera abaturage, abatubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kimwe n'abagaragaje ubushake n'ubushobozi bike mu kubumbatira umutekano w'abaturage bagomba gusezererwa ku mirimo yabo.

Guverinoma yiyemeje kuvanaho inzitizi zose ziyibuza gushyira mu bikorwa inshingano zayo nkuko zikubiye mu ngingo-remezo za disikuru - porogaramu, cyane cyane ku byerekeye kubumbatira umutekano no kuvugurura imiterere n'imikorere y'inzego za Leta.

.../...

Ndibutsa abashinzwe umutekano bose ko bagomba kwirinda guhutaza abaturage bitwaje iyi ntambara.
Mu gihugu kigendera ku mategeko, ntibyemewe na gato ko intambara yaba urwitwazo rwo kuniga demokarasi n'uburenganzira bw'ikiremwa-muntu. Ni yo mpamvu ibyemezo byose byafashwe ku buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa butubahiriza amahame ya demokarasi bigomba guseswa cyangwa bigasubirwa mo.
Nta muntu kandi ugomba guhagarikwa, gufatwa nabi, cyangwa gutotezwa bitwaje iyi ntambara. Igihe cyo guhiga ibyitso cyararangiye, abanyamakosa bagomba guhanwa hakurikijwe amategeko bidashingiye ku rwikekwe.

5. Guverinoma irasaba amashyaka ya politiki gufatanya n'inzego z'ubutegetsi atanga inyigisho zigamije gushimangira amatwara ya demokarasi, gushyigikira imishyikirano ibera ARUSHA, guharanira amahoro no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa-muntu,
Kubera ko amashyaka ya politiki nta handi afite yanyuza izo nyigisho uretse muri za mitingi, birumvikana ko mitingi zigomba gukomeza kuba mu turere tutabera mo imirwano maze abazigiyemo bakigisha ubusabane n'ubumwe bw'Abanyarwanda, kworoherana no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa-muntu. Guverinoma kandi iributsa ko uzashoza imvururu uwo ari we wese, kimwe n'umutegetsi utazubahiriza umutekano w'abaturage, azabihanirwa bikomeye.

6. Guverinoma ibabajwe bikomeye n'abaturage b'inzirakarengane bagera ku bihumbi magana atandatu bavanywe mu byabo n'iyi ntambara none bakaba bangara batazi iyo bajya.
Ni yo mpamvu Guverinoma yiyemeje gukora uko ishoboye ngo igoboke abo bantu. Iboneye ho gusaba abategetsi n'abakozi ba Leta bakora muri utwo turere kudatererana abaturage ahubwo bagakomeza kubafasha mu gushaka uko babaho n'ikibatunga.
Guverinoma yongeye gusaba Ibihugu by'inshuti n'imiryango mpuzamahanga kuyigoboka bidatinze, bitanga imfashanyo zo gutabara izo mbabare. Guverinoma yongeye kwemeza ko ikibazo cy'iyi ntambara kidashobora gukemurwa n'amasasu ahubwo kigomba kurangizwa binyuze mu nzira y'imishyikirano.

..../....

Ni yo mpamvu Guverinoma yongeye kwemeza ko imishyikirano ibera Arusha igomba gukomeza bigakorwa mu kuri nta buryarya, nta no kuzarira.

FPR kimwe n'amashyaka akorera mu Gihugu igomba kwiyumvisha twose ko ibibazo iyi ntambara ishingiye ho ari ibibazo bya politiki bidashobora gukemurwa n'amasasu ahubwo bigomba gukemurwa binyuze munzira y'imishyikirano. Ni yo mpamvu Guverinoma yongeye gusaba amashyaka ya politiki ari muri Guverinoma kwihutisha imishyikirano agomba kugirana na FPR kugira ngo basuzumire hamwe uko ibintu byifashe muri iki gihe banategurira hamwe uko bazashyira mu bikorwa imyanzuro y'imishyikirano ya ARUSHA. Bityo bazafashe Guverinoma guharanira amahoro no guteza demokarasi imbere.

Murakoze.

Kigali, ku wa 14 Gashyantare 1993.